



Tube umuryango utumanaho

Igitabo cy'amahugurwa y'ikoreshwa rya interineti kuri telefoni

Imfashanyigisho yo guhugura abantu ku gukoresha interineti kuri telefoni mu Rwanda





Impinda y'ihungu



e


Jurwa

Ni iki?



“Hai ibintu byinshi kandi byiza ushobora kugeraho ukoresheje interineti, ariko ni ngombwa kumenya ko interineti ifunguye kuri buri wese ku isi, akaba ariyo mpamvu ikwiye gufatwa nk’aho ari ahantu hahurirwa n’abantu benshi (urugero nko ku isoko), akaba ariyo mpamvu umuntu akaba agomba kuba maso no kwita ku mutekano we.”


Ibyo uzakenera



Smartphone



Urupapuro rw'umutekano



Urupapuro rwo kuzitira kuri Whatsapp

Ikoreshwa iki?

Bahe urupapuro rwerekana inama zerekeye umutekano kuri interineti

“Nko mu ruhame rero, ugomba:

1. 'Kuzitira' cyangwa kwitaza abantu batakuzi cyangwa bari kukubaza amahoro.
2. . Kora ku buryo amakuru yawe aba ibanga (uwo uriwe, aho uba, amagambo y'ibanga)
3. Reba umuntu umwe wizera umumenyeshe igihe cyose wumva ufite amakenga ku kintu wabonye cyangwa wahuye nacyo kuri interineti.
4. Gira ikinyabupfura, wubahe abantu bose, woye kubabaza amahoro”

Uhugura: Niba ufite umwanya, ha abahugurwa ingero kuri buri ngingo mu zanditse haruguru.

Uko wagira umutekano

Hereza uhugurwa telefoni maze umufashe gukurikiza amabwiriza

Babaze serivisi bashaka kwigiraho uko barinda umutekano wabo (WhatsApp, YouTube, Google?)



WhatsApp: “Niba umuntu utazi akoherereje ubutumwa cyangwa akubuza amahoro kuri WhatsApp kandi utabishaka, ushobora ‘kumuzitira’ (block) kugirango atazongera kukwandikira”. Bereke igipapuro kiriho uko bazitira maze ubereke amabwiriza y’uko bikorwa (p.121).



YouTube: Niba uri kureba amashusho kuri YouTube maze ukabona amwe muri yo ari mabi cyangwa adakwiye, ushobora gusubira kuri paje ya mbere, ukongera ugashakisha maze ukareba andi mashusho”.

Byerekane kuri YouTube- Kanda ku kimenyetso cyo gusubira inyuma, usibe amagambo yanditse aho bashakisha maze wandikemo andi magambo ushakishe ibindi.



Google: “Niba hari icyo uri gushakisha kuri Google maze ukabona ikintu ukeka ko ari kibi cyangwa kidakwiye, ushobora gusubira kuri paji ibanza, ugahindura amagambo wakoreshije ushakisha, maze ugakomeza.”

Erekana uko bikorwa kuri Google- Kanda umwanya wo gusubira inyuma, usibe amagambo yanditse aho bashakisha maze wandikemo andi magambo ushakishe ibindi.


Ni iki?




“Igihe cyose ukoresha interineti kuri telefoni yawe uba uri gukoresha ama inite ya murandasi. Ni ukuvuga ko bisaba ko ugura ama inite ku murongo wawe wa telefoni. Bimwe mu byo ukora bitwara ama inite menshi kurusha ibindi, ni ukuvuga ko kubikoresha bihenda.”

Ushobora kugura ayo ma inite ya interineti nk’uko ugura ayo guhamagara cyangwa ayo kohereza ubutumwa bugufi. Ama inite ya interineti ashobora kugurwa ku muntu uhagarariye ikompanyi y’itumanaho rya telefoni cyangwa ukayashyirirwamo n’umucuruzi uyadandaza. Rimwe na rimwe, ushobora kugura ama inite ya murandasi ubwawe ukoresheje amakarita, maze ukazajya uyongera muri telefoni yawe.

Ibyo uzakenera



Smartphone



Urupapuro rw'ikiguzi

Ni iki gikoresha ama inite?

Erekana urupapuro ruriho ibyerekeye ikiguzi

“ Ibyo ukorera kuri interineti bitwara ingano zitandukanye z’ama inite ya murandasi Gusoma amagambo bitwara inite za murandasi nke, kureba amafoto bitwara izirenzeho, gukina no gukura umuziki kuri interineti, udufoto dushushanyije n’indirimbo bigatwara nyinshi, naho kureba no gukura amashusho kuri interineti bigatwara inite nyinshi kurushaho. Amashusho akunda gutwara inite za murandasi nyinshi kurusha ibindi bikorwa”.

Serivisi zimwe za interineti zigira ibikorwa bitwara inite nyinshi:

- Urugero: Kureba amashusho kuri YouTube bitwara inite nyinshi;
- Urugero 2: Google itwara ama inite make iyo ureba amafoto n’amagambo, ariko irahenda iyo urebye amashusho”.

Sobanura ko “kuvugurura porogaramu (update) nabyo bitwara inite nyinshi; ni ukuvuga ko bigura amafaranga menshi”.

Wamenya ute ibiciro bya inite za murandasi?


**Hereza
uhugurwa
telefoni
maze
umufashe
gukurikiza
amabwiriza**

“Ni byiza kureba ingano ya inite za murandasi ufite kugirango uze kumenya izo wakoresha, n’ikiguzi cy’ibikorwa bitandukanye.

Ushobora kwandika kode muri telefone yawe maze ukabona inite ufite, nk’uko ureba iminota cyangwa ubutumwa bugufi usigaranye”.

Ereka uhugurwa uko ashobora gushaka ama inite ya murandasi. Uburyo bwo kubikora bugiye butandukanye ukurikije igihugu urimo n’umurongo ukoresha. Niba ushaka ubufasha, baza umukozi w’ikompanyi ya telefoni cyangwa umucuruzi w’ama inite.

Inama: “Ushobora kugura ama inite ya murandasi y’amafaranga menshi cyangwa make bitewe n’icyo ugiye kuyakoresha. Saba umucuruzi wa inite ukwegereye akubwire amafaranga akwiriye icyo ugiye gukora”.



**Impapuro zicapye,
ibishushanyo
bikase n'impapuro
z'amakuru**

Inama zoroshye ku mutekano wo kuri interineti



**'Zitira' cyangwa
wirengagize abantu
utazi,
cyangwa bakubuza
amahoro**



**Komera ku makuru
bwite yawe**




**Bwira umuntu uzi kandi
wizeye niba wumva
ufite amakenga ku kintu
cyakubayeho cyangwa
wabonye**



**Rangwa
n'ikinyabupfura
no kubaha abandi**







CERTIFICATE

Has completed
BASIC MOBILE INTERNET SKILLS
training



Date

Signed



CERTIFICATE

Has completed
BASIC MOBILE INTERNET SKILLS
training



Date

Signed